# Umurima W'imboga

## Amashuri y'inshuke



Inkuru yanditswe na UWERA JANE

CACTUS Publishers

Yashushanyijwe na: SIBOMANA Simplice

# Umurima w'imboga

## Amashuri y'inshuke



Inkuru yanditswe na: UWERA JANE

Yashushanyijwe na: SIBOMANA Simplice

**© 2020 Cactus Publishers**

Abantu bose bahawe uburenganzira bukurikira kuri iki gitabo:
Kugisoma yaba mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ku mpapuro,
kugikura kuri murandasi, kugifotoza cyangwa kugicapisha mu mpapuro,
kugihererekanya yaba ku mpapuro cyangwa ku mbuga z'ikoranabuhanga
(iziriho cyangwa izizavumburwa nyuma) no kugihindura mu ndimi izo ari
zo zose. Abagikoresha ntibemerewe kugicuruza cyangwa kukibyazamo
amafaranga mu buryo ubwo ari bwo bwose, batabiherewe uburenganzira
mu nyandiko n'abagitangaje.

**ISBN**: 978-99977-54-86-8

**www.cactuspublishers.rw**



Toni na Bwiza bakunda kurya imboga,
kuko nyina aziteka zikaryoha cyane.



Bwiza yasabye nyina kubigisha uko bahinga imboga.



Nyina abajyana iruhande rw'igikoni ati: "Nguyu umurima wanyu." Abana barishima cyane, maze bafata udusuka barahinga.



Nyina abafasha gutunganya umurima wabo.



Barangije gutunganya umurima, bazana ingemwe z'imboga baratera.



Toni atera dodo naho Bwiza atera karoti.



Umunsi ukurikiyeho bagarutse ku murima wabo, basanga imboga zatangiye kuma. Barababara bati: “Ibi ni ibiki?”



Nyina ababwira ko ibihingwa byose bikenera amazi, ifumbire n'izuba kugira ngo bikure neza.



Toni na Bwiza bakomeje kwita ku mboga zabo bazisukira kandi bazibagara kugeza zikuze.



Hashize igihe imboga zirera. Toni asoroma imboga. Bwiza akura karoti. Bombi bazishyira nyina ngo ateke.



Imboga bazironga n'amazi meza, maze bafatanya na nyina guteka. Bariye ibyo biryo bishimye kuko baryaga ibyo biyejereje mu murima wabo.

# Umurima w'imboga

Iyi nkuru yigisha abana kumenya
aho ibyo barya bituruka.
Toni na Bwiza bifuzaga guhinga.
Nyina yabahaye umurima,
barahinga, beza imboga nziza.